



## REPUBLIKA Y'U RWANDA

*National Commission for the Fight against Genocide  
Commission Nationale de Lutte contre le Génocide  
Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside*



-CNLG-

### MU KWITEGURA KWIBUKA27 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI, KOMISIYO Y'IGIHUGU YO KURWANYA JENOSIDE (CNLG) IRIBUTSA KWIRINDA IBIKORWA BIKWIRAKWIZA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE, IBIFITANYE ISANO NAYO N'IBINDI BYAHA BIBUJIJWE N'AMATEGEKO IGIHUGU KIGENDERHAO.

Buri mwaka iyo igihe cyo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi cyegereje, hagaragara abantu bashyira imbaraga mu bikorwa byo gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi no gutesha agaciro ibyiza u Rwanda rumaze kugeza ku Banyarwanda kuva FPR-Inkotanyi ihagaritse Jenoside muri nyakanga 1994. No muri ibi bihe, ibi bikorwa byatangiye kwigaragaza cyane cyane hifashishijwe imbuga nkoranyambaga.

Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside (CNLG) irakangurira abantu batanga ibiganiro n'inyandiko hifashishijwe ikoranabuhanga, bikanyuzwa kuri Youtube no ku mbuga nkoranyambaga, kubahiriza ibiteganywa n'Itegeko ryerekereye n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibaha bifitanye isano nayo ndetse n'andi mategeko y'igihugu.

CNLG yasesenguye ibiganiro bitandukanye binyuzwa kuri Youtube no zindi mbuga nkoranyambaga, isanga hagenda hakoreswa imvugo zirimo ingengabitekerezo ya Jenoside, zirangwa no gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi, kuyitesha agaciro, izikurura amacakubiri mu banyarwanda, kwangisha abaturage gahunda z'ubuyobozi bw'igihugu, kubakangurira kwigomeka no gutera abaturage intugunda hagamijwe kubyutsa imidugararo. Iyi myitwarire ikaba ibujijwe kandi ihanwa n'Amategeko u Rwanda rugenderaho, harimo aya akurikira.

**Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015** cyane cyane mu Irangashingiro ryaryo ndetse no mu ngingo ya 10 iteganya Amahame remezo atandatu (6) Leta y'u Rwanda yiyeje kugenderaho.

**Ingingo ya 8 n'iya 9 y'Itegeko n° 02/2013 ryo kuwa 8/2/2013 rigenga itangazamakuru, ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kumenya amakuru.** Iri tegeko ritanga ubwisanzure ku banyamakuru bwo gushaka no kumenya amakuru ariko ubwo bwisanzure bukaba butagomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyitwarire iboneye.

Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/8/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange (Code penal/Criminal Code) ribuza gukoresha imvugo zikurura amacakubiri, gukwiza amakuru atariyo cyangwa icen gezamatwara bigamije guteza imvururu cyangwa imidugararo muri rubanda, n'izo kwangiza Leta y'u Rwanda mubihugu by'amahanga. Ibi byaha biteganywa kandi bigahanwa n'ingingo za 164, 194 na 204 z'iri tegeko.

Itegeko n° 59/2018 ryo kuwa 22/8/2018 ryerekereye n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo. Ingingo za 5, 6, 7, 8 na 10 z'iri tegeko zibuza gukorera mu ruhame ibikorwa bigamije: « *Kuvuga cyangwa kugaragaza ko jenoside atari jenoside; Kugoreka ukuri kuri jenoside agamije kuyobya rubanda; Kwemeza ko mu Rwanda habaye jenoside ebyiri; Kuvuga cyangwa kugaragaza ko Jenoside itateguwe; Kugabanya uburemere cyangwa ingaruka za jenoside; Korosha uburyo jenoside yakozwemo; Kugaragaza imibare itariyo y'abazize Jenoside; Gushimagiza jenoside; Gushyigikira jenoside; Kwemeza ko jenoside yari ifite ishingiro; Kuzimiza cyangwa gutesha agaciro ibimenyetso cyangwa amakuru byerekeye jenoside; Gutesha agaciro urwibutso rwa jenoside cyangwa ahashyinguye imibiri y'abazize jenoside.* »

Itegeko riteganya ibihano biri hagati y'imyaka itanu (5) n'imyaka cumi n'itanu (15) y'igifungo hiyongereyeho n'ihazabu ishobora kuva ku mafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Mu mvugo zikoreshwa na bamwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaga, hagaragaramo izigize kimwe cyangwa byinshi muri ibi byaha biteganywa kandi bigahanwa n'iri tegeko.

CNLG ishimangiye ko buri munyarwanda afite uburenganzira busesuye bwo gutanga ibitekerezo mu bwisanzure, nk'uko abyemererwa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko, ariko ntabwo agomba gutandukira, ngo akoreshe imvugo zigize ibyaha, zibujije n'amategeko Ighugu kigenderaho.

Mu rwego rwo kwitegura neza ibikorw byo Kwibuka ku nshuro ya 27 Jenoside yakorewe Abatutsi, CNLG ikaba ikangurira abakoresha imbuga nkoranyambaga n'ibindi biganiro, kuvana isomo mu Mateka akakaye ya Jenoside yakorewe Abatutsi, hirindwa imvugo zigamije gukwirwakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside, kongera gusubiza abanyarwanda mu icuraburindi, gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi no kuyobya rubanda muri rusange.

Kigali, ku wa 05 Gashyantare 2021

Dr. BIZIMANA Jean Damascene  
Umunyamabanga Nshingwabikorwa

  


Digitally signed by CNLG

(EXECUTIVE SECRETARY)

Date: 2021.02.05

11:19:00 +02'00'